PARUWASI YA KINUNU: ABAKRISTU BARI MU MIRYANGO Y'AGISIYO GATURIKA N'AMAKORANIRO Y'ABASENGA BAKOREYE URUGENDO RUTAGATIFU I CONGO-NIL

Kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 22 Werurwe 2019, abakristu 150 bari mu Miryango y'Agisiyo Gaturika n'Amakoraniro y'Abasenga, baturutse mu masantrali yose uko ari atatu agize Paruwasi y'Umutima Mutagatifu wa Yezu/Kinunu, bakoze urugendo rutagatifu i Congo-Nil. Saa 13h00, muri Santrali ya Syiki, nyuma y'isengesho, nibwo aba bakristu bahagurutse berekeza ku Murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene. Bari baherekejwe na Placide NDAYISHIMIYE, Umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri iyi Paruwasi. Bari kumwe kandi n'Uhagarariye Imiryango y'Agisiyo Gaturika n'Amakoraniro y'Abasenga ku rwego rwa Paruwasi, Bwana Vincent NIZEYIMANA na Bwana Théophile NGIRIMANA, Umuyobozi wa Santrali ya Remera.

Saa 17h00, nibwo abakristu ba mbere bari bakandagiye ku Murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene, banyura ku Isoko igenewe amahanga yose n'abarwayi. Nyuma bajya kuramutsa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene, mu Ngoro yamwubakiwe i Congo-Nil. Saa 18h00, abakristu bose bahuriye mu Kiliziya bataramira Umubyeyi Bikira Mariya mu ndirimbo zinyuranye zimurata. Saa 18h40, Padiri NIZEYIMANA Jean de la Croix, Umuyobozi wa Centre d'Accueil Crête Congo-Nil, nyuma yo guha ikaze abitabiriye uru rugendo rutagatifu, yabasangije amateka y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i

Congo-Nil n'impamvu hakorerwa ingendo ntagatifu kandi Bikira Mariya atarahabonekeye. Nyuma y'iki kiganiro, hakurikiyeho Igitambo cy'Ukaristiya,cyaje gukurikirwa no gushengerera Yezu Kristu mu Isakaramentu ry'Ukaristiya.

Amavu n'amavuko y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil[1]

I Kibeho, i Lourdes, i Banneux, i Fatima n'ahandi hanyuranye Bikira Mariya yabonekeye, hakorerwa ingendo ntagatifu n'abantu baturutse impande zose z'isi kandi b'ingeri zose. Gusa, hari imbaga nyamwinshi yibaza impamvu i Congo-Nil hiswe ku Murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene n'impamvu hakorerwa ingendo ntagatifu kandi Bikira Mariya atarigeze ahabonekera. Mu magambo make, reka turebere hamwe amateka y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil n'impamvu hakorerwa ingendo ntagatifu.

Mu mwaka w'i 1952, ubwo Nyiricyubahiro Musenyeri BIGIRUMWAMI Aloys yatorerwaga kuyobora Vikariyati ya Nyundo, yagiye gusura Musenyeri w'inshuti ye wo muri Diyosezi ya Liège mu gihugu cy'Ububiligi. Agezeyo, asanga muri iyo Diyosezi hari ahantu hitwa i Banneux, Bikira Mariya yabonekeye avuga ko ari Umubyeyi w'abakene na Nyina w'Umukiza. Amaze kuhasura, kuhasengera no kumva ubutumwa Bikira Mariya yahatangiye, yagize icyifuzo cyo gufata uwo Mubyeyi w'abakene ho Umurinzi n'Umuvugizi wa Vikariyati yari atorewe kuyobora, niko kuyimwegurira. Ibyo yabigiriye kugira ngo amufashe gukenura ubushyo buri muri Vikariyati ya Nyundo: haba mu iyogezabutumwa, mu kwiteza imbere no mu buzima bwo kubaka Vikariyati yari ashinzwe muri rusange.

Musenyeri BIGIRUMWAMI avuye mu rugendo mu Bubiligi, yashatse ahantu haberanye n'umurwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene, nuko mu 1954 ahitamo ahantu yise Congo-Nil, ahubaka Ingoro imeze neza nk'iy'i Banneux. Hari nyuma y'imyaka ibiri amabonekerwa y'i Banneux yemewe na Kiliziya. Guhera muri uwo mwaka kugeza na n'ubu, i Congo-Nil hatangiye gukorerwa ingendo ntagatifu ziyobowe n'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Hahurira abapadiri, abadiyakoni, abafaratiri, abihayimana, n'abakristu muri rusange baturutse mu maparuwasi yose ya Diyosezi no hanze yayo, cyane cyane ku Munsi Mukuru w'Ijyanwa mu Ijuru rya Bikira Mariya (Assomption) uba ku wa 15 Kanama.

[1] ***Reba www.eglisecatholiquerwanda.org/Conference Episcopale du Rwanda/Centre d'Accueil-Crête-Congo-Nil/***

Tribune iturirwaho Igitambo cya Misa kuri 15 Kanama

Uretse uyu munsi (15 Kanama) uhuza abakristu benshi, haza abandi bantu bo mu ngeri zinyuranye, baturutse imihanda yose, baje kuhasengera no kwiragiza Umubyeyi w'abakene. Bamwe muri aba bahaza, twavuga abo mu Miryango y'Agisiyo Gaturika, Amakoraniro y'Abasenga, ingo, urubyiruko, amatsinda y'abana n'abandi babyifuza ku giti cyabo.

Ubutumwa Bikira Mariya,Umubyeyi w'abakene yatangiye i Banneux[2]

Igihe Bikira Mariya abonekeye Umwali witwa Mariette Becco, wo mu gihugu cy'Ububiligi, Diyosezi ya Liège, ahitwa i Banneux inshuro umunani yamugejejeho ubutumwa bunyuranye ndetse bw'ibihe byose.

- **15/01/1933:** Bikira Mariya yabonekeye Mariette, aramurembuza ngo amusange.
- **18/01/1933:** Yaramubwiye ati: "Shora ibiganza byawe mu mazi" nanone ati: "iyi soko iranyeguriwe".
- **19/01/1933:** Yabwiye Becco ati: "Ndi Umubyeyi w'Abakene", "iyi Soko igenewe amahanga yose, igenewe abarwayi".
- **20/01/1933:** Mariette yaramubajije ati: "Mugore mwiza, urifuza iki?" Bikira Mariya aramusubiza ati: "Nifuza ko aha hakubakwa ka shapeli gato".
- **11/02/1933:** Bikira Mariya yabwiye Mariette ati: "Nzanywe no gucogoza ububabare".

[2] ***Reba www.eglisecatholiquerwanda.org/Conference Episcopale du Rwanda/Centre d'Accueil-Crête-Congo-Nil/***

- **15/02/1933:** Ubwo Mariette yatumwaga na Padiri Mukuru we kuri Bikira Mariya ngo amuhe ikimenyetso, yaramubwiye ati: “Nyemera, nanjye nzakwemera.” Yungamo ati: “Musenge cyane”.
- **20/02/1933:** Bikira Mariya yabwiye Mariette ati: “Mwana wanjye nkunda, jya usenga cyane”.
- **02/03/1933:** Bikira Mariya yabwiye Becco ati: “Ndi Nyina w’Umukiza, Nyina w’Imana”. Amusezeraho agira ati: “Musenge cyane, urabeho”.

Ibikorwa nyobokamana biri ku Murwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w’Abakene[3]

Ku Murwa wa Bikira Mariya i Congo-Nil, hari ibikorwa nyobokamana birindwi bifasha abakristu, batuye iyi Paruwasi n’imbaga nyamwinshi ituruka imihanda yose, gusenga no kwegerana na Bikira Mariya, Umubyeyi w’Abakene, Nyina w’Umukiza. Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

1. Urugori rwa Bikira Mariya

Ni urugori rugizwe n’inyenyeri cumi n’ebyiri n’ubutumwa bwa Bikira Mariya butwibutsa gusenga no guhinduka.

[3] ***Reba www.eglisecatholiquerwanda.org/Conference Episcopale du Rwanda/Centre d’Accueil-Crête-Congo-Nil/***

2. Ingoro ya Bikira Mariya

Ni Shapeli nto isa n'iyi Banneux, Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene yifuje ko imwubakirwa. Habera isengesho ry'abarwayi ku Cyumweru cya mbere cy'ukwezi na Rozari buri wa kabiri saa 17h30.

3. Isoko y'Umubyeyi w'abakene

Ni isoko y'Umubyeyi w'abakene, igenewe kuramira amahanga yose, guhoza abababaye no gukiza abarwayi.

4. Inzira y'ububabare bwa Bikira Mariya

Ni inzira iva ku Kiliziya ijya ku Ngoro ya Bikira Mariya,Umubyeyi w'abakene, ikavugirwaho ishapure y'ububabare burindwi bwa Bikira Mariya kuwa gatanu nyuma ya Misa ya mugitondo ya 6h30.

5. Kiliziya

Ni Kiliziya ya Paruwasi Crête Congo-Nil, iturirwamo Igitambo cy'Ukaristiya, igatangirwamo amasakaramentu, igakorerwamo ishengerera, imyiherero n'andi masengesho.

6. Umusozi wa Kaluvariyo

Ni umusozi ukorerwaho Inzira y'umusaraba guhera mu 1957, ikorwa n'abakristu, bifatanya na Yezu mu bubabare yagize ajya kudupfira, bakamutura imibabaro yabo.

7. Shapeli ya Yezu Nyirimpuhwe

Ni Shapeli ikorerwamo ishengerera rihoraho mu mutuzo, umuntu agatura Yezu Nyirimpuhwe ibyifuuzo bye.

Nyuma yo gusangiza abakristu amateka y'Ingoro ya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Abakene i Congo-Nil, hakurikiyeho igitambo cya Misa. Amasomo matagatifu yakoreshejwe: **Intg 37, 3-4.12-13a.17b-28** na **Mt 21, 33-43.45-46.**

Twige kwiyakira, kwakira abandi no kwakira ubutumwa duhamagariwe

Mu nyigisho ye, Padiri NIZEYIMANA yagarutse ku ishyari nk'umuzi w'icyaha no ku butumwa buri wese ahamagariwe muri Kiliziya. Yagize ati : « Inzira z'Imana zifite uko zigenda n'aho zituganisha. Ubwo Yozefu yagurishwaga na Bene se, bumvaga ko ibye birangiye, gusa si ko byaje kugenda kuko Imana idakora nk'abantu ». Ishyari ni ribi, umuntu akwiye kwakira uko ari, uko yisanze, akakira kandi uko abavandimwe be bameze. Mu kwakira abavandimwe bacu, tumenya no kwakira ubutumwa duhamagarirwa na Nyagasani, bityo gusenyera umugozi umwe akaba aribyo bituranga. Byongeye kandi, ubutumwa bwari bugenewe abayisraheli natwe twabugizeho uruhare. Bityo rero, nitubyaze umusaruro ayo

mahirwe aruta ayandi twaronse tugirwa natwe abagenerwa murage n'abana b'ingoma ya Nyagasani, abana b'Imana ikunda cyane. Yasoje inyigisho ye asaba imbaga yari imuteze amatwi gusubiza amaso inyuma bakareba uko babaniye bagenzi babo n'uko basohoza ubutumwa bafite muri Kiliziya mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Nyuma y'Igitambo cya Misa, hakurikiyeho igikorwa cyo gushengerera Yezu Kristu mu Isakaramentu ry'Ukaristiya. Indirimbo zitaramira Umubyeyi Bikira Mariya ni zo zakurikiye iri sengesho ryo kurangamira no kuramya Yezu Kristu Muzima, Mukiza, Rukundo na Nyirimpuhwe mu Isakaramentu ritagatifu ry'Ukaristiya.

Ku Mana, akabaye icwende karoga kagacya!

Mu gitondo cyakare kare, saa 3h40, nibwo abakristu baje mu rugendo rutagatifu baramukiye mu Nzira y'Umusaraba, bazamuka umusozi wa Kaluvariyo, bazirikana ububabare bw'Umwami wacu Yezu Kristu wemeye gupfira abantu ku musaraba kubera urukundo no kugira ngo abakize nyuma yo gucumura. Inzira y'Umusaraba isojwe, saa 6h30, habaye Igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri MANIRAGABA Paul. Amasomo matagatifu yakoreshejwe muri iyi Misa: Mik 7, 14-15.18-20 na Lk 15, 1-3.11-32.

Mu nyigisho ye, Padiri MANIRAGABA yibukije abakristu ko impuhwe za Nyagasani zirenze imyumvire ya muntu kandi ko zitagira umupaka. Yagize ati: « Uko waba waracumuye kose, iyo ugarukiye Imana nta buryarya kandi n'umutima wawe wose kandi ukizera impuhwe n'imbabazi by'Imana, ntakabuza Nyagasani arakwakira, akakubabarira, akakuruhura umutwaro wose wari ukuremereye. Dukwiye rero kugarukira impuhwe za Nyagasani tutagamije kuzikerensa. Ni ukuri, Imana ntiyita ku byaha byacu no ku munuko wabyo, ahubwo itwakirana impuhwe mu Isakaramentu rya Penetensiya igihe tuje tuyisanga. Ndababwira ukuri, ku Mana, akabaye icwende karoga kagacya ».

Padiri Paul yasabye kandi abakristu kutarebera bagenzi babo mu ndorerwamo y'amateka yabaranze/banyuzemo mbere yo guhura na Nyagasani. Tugendeye ku myitwarire

y’umuhungu mukuru twumvise mu Ivanjili, dukwiye kwirinda ishyari n’ibijyana naryo byose, dore ko icyo dupfana kiruta kure icyo dupfa. Nanone kandi yasabye abakristu kwirinda gutunga abandi agatoki, gukekera abandi ubusa no kureka kwigira intungane ducira bagenzi bacu imanza. Yasoje ashishikariza abakristu kwiringira impuhwe za Nyagasani no guhindukira basanga Imana.

Nyuma ya Misa, abakristu baturutse muri Paruwasi ya Kinunu, bahuriye mu ruhanga rwa Kiliziya bafata ifoto y’urwibutso nk’ikimenyetso cy’uko basuye Umurwa wa Bikira Mariya, Umubyeyi w’Abakene i Congo-Nil.

Nyuma yo gufata ifoto y’urwibutso, abakristu basubiranye i Kinunu ibyishimo n’umunezero, ndetse n’imigambi mishya mu gusohoza neza ubutumwa Nyagasani abahamagarira muri Kiliziya ye no muri bagenzi babo, barushaho kwihatira gusenga no guhinduka nk’uko Bikira Mariya, Umubyeyi w’abakene yabisabye i Banneux.

Byanditswe na Placide NDAYISHIMIYE, Umufratri uri kwimenyereza ubutumwa muri Paruwasi y’Umutima Mutagatifu wa Yezu/Kinunu